REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 16 WERURWE2 016 no 01/2016

Kuri uyu wa gatatu tariki **16 Werurwe 2016** mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera i saa yine **(10H00)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama; Bwana **KARURANGA Emmanuel .** Umujyanama UWAMAHORO Prisca ntiyabashije kwitabira Inama kubera Inama ya **RODA** yatumiwemo i Kigali. Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziri busuzumwe n'Inama Njyanama arizo:

1.Gushyiraho amakomisiyo Ahoraho agize Inama Njyanama na Komite ngenzuzi .

2.Kurebera hamwe ishyirwamubikorwa ry'Imihigo2015-2016

3.Kurebera hamwe aho ingengo y'Imali 2015-2016 igeze ikoreshwa

4.Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Remera Rukoma n'Abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere.

5.Ibirarane byabahoze ari abakozi b'Amakomini.

NO	INGINGO	IBYEMEZO BYAFASHWE	ICYONGERWAHO
1	**Gushyiraho Amakomisiyo Ahoraho agize Inama Njyanama na Komite ngenzuzi**	**1. Abajyanama bemeje Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama** **2.Abajyanama bemeje Komite ngenzuzi .**	**Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama**
2	**Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'Imihigo2015-2016**	**3.Abajyanama bemeje ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2015-2016**	**Iki cyemezo cyafashwe n'Abajyanama mu bwisanzure**
3		**4. ku bijyanye n'Imihigo iri mu ibara ry'Umutuku Abajyanama bemeje ko hajyaho itsinda ry'Abakozi bafite iyo mihigo mu nshingano bakajya batanga raporo y'aho iyo mihigo igeze ishyirwa mu bikorwa mu nama y'Abakozi; iba buri cyumweru kugirango iyi mihigo izabe yarangiye mbere y'uko umwaka wa2015-2016 urangira.**	
4	**Kurebera hamwe aho ingengo y'Imali 2015-2016 igeze ikoreshwa**	**5.Abajyanama bashimye aho ingengo y'Imali 2015-2016 igeze ikoreshwa .Basabye kandi ko Hashyirwa ingufu mu gukemura ibibazo bijyanye no kwinjiza imisoro n'Amahoro bafatanyije n'abafite mu nshingano**	**Iki cyemezo cyafashwe n'Abajyanama mu bwisanzure**

		gusoresha.	
5	**Kemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Remera Rukoma n'Abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere**	**6. Abajyanama bemeje abagize inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Remera rukoma** **7. Abajyanama bemeje Abagize Inama y'Ubutegetsi ya Farumasi y'Akarere**	**Ibi byemezo byafashwe n'abajyanama mu bwisanzure**
6	**Ibirarane by'Abahoze ari Abakozi b'Amakomini**	**-**	**Iyi ngingo yasubitswe kuko hari amakuru agikusanywa kugirango ibirarane bihabwe Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu nk'Uko yabisabye bityo;Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi ibone kubyishyura**
	Ingingo zose ni :6	**Ibyemezo byafashwe byose ni: 7**	

Inama yasoje Imirimo yayo isaa munani (14hoo) zuzuye ; Umuyobozi w'Inama ashimira abajyanama kuko bitabiriye k'uburyo bushimishije yaboneyeho kandi kubibutsa ko bafite Amahugurwa azabera Igabiro mu Karere ka GATSIBO guhera taliki ya 19Werurwe2016 kugera Taliki 2Mata2016**.**

MUKANYANDWI Rose **KARURANGA Emmanuel**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama **Umuyobozi w'Inama Njyanama**